

**Ibyo Wemererwa mu Nkunga  
y'Amafaranga cyangwa  
Yo Kugura Ibiribwa ya DSHS  
Your DSHS Cash or Food Benefits**

IZINA RY'UMUKIRIYA (UMUKURU W'URUGO)

INOMERO IRANGA UMUKIRIYA

**Inkunga z'Amafaranga za DSHS  
TANF, Amafaranga Agenerwa Impunzi (Refugee  
Cash), ABD Cash, Inkunga y'Igihe Gito (Diversion)**

**Intego**

DSHS igenera inkunga y'amafaranga ko baturage binjiza amafaranga adahagije bujuje ibisabwa na porogaramu z'inkunga za leta.

Izi nkunga zibafasha kwishyura ibintu by'ibanze mu buzima bwa buri muni(RCW 74.04.770).

Inkunga y'amafaranga ya TANF igomba gukoreshwa gusa mu kwita ku bana ushinze. Dushobora kukwaka gihamya y'uburyo ukoresha inkunga ya TANF mu gukemura ibibazo by'abana (RCW 74.12.260).

**Gukoresha Inkunga Neza**

Ushobora gukoresha inkunga y'amafaranga ugenerwa mu gukemura ibibazo by'ubuzima bwa buri muni nka:

- Icumbi
- Amavuta
- Ibiryo
- Ingendo
- Imyambaro
- Gusana aho utuye
- Kwita ku mubiri inyuma
- Amafaranga agenda mu by'akazi

**Ikoreshwa Ritemewe n'Amategeko**

Hakurikijwe ibivugwa muri RCW 74.08.580, binyuranye n'amategeko gukoresha amakarita ya EBT cyangwa amafaranga yayavuyeho mu:

- Gukina urusimbi Gukina urusimbi bikubiyemo kugura amatike y'imikino y'amahirwe, imashini bakoresha gukurura uturindi (pull tabs), ikiryabarezi (punchboard), bingo, amasiganwa y'amafarasi, imikino yo muri kazino n'indi mikino yose y'amahirwe ivugwa muri RCW 9.46, 67.16 no muri 67.70.
- Kugura serivisi zo kwishushanya ku mubiri, kwipfumura no kwica imanzi no kwishyiraho utundi turango.
- Kugura itabi
- Kugura ibisindisha by'alukolu
- Kugura ibintu cyangwa kwishyura serivisi mu:
  - Byumba bacumbikamo (amalogi).
  - Maguriro y'inzoga na divayi keretse wabihereye uburenganzira nk'umudandaza wa SNAP cyangwa wa WIC.
  - Tubyiniro.
  - Bigo bimama amafaranga.
  - Bigo by'urusimbi.
  - Mu bigo by'imyadagaduro y'abantu bakuru babyina cyangwa bakina imikino iganisha ku busambanyi.
  - Ahandi hantu hose umwana uri muni y'imyaka 18 atemerewe kugera
    - Urugero: abacuruzi b'urumogi aho urumogi ubwarwo cyangwa ibirukomokaho byemewe gucuruzwa.

**Inkunga zo Kugura Ibiribwa za DSHS**

**Intego**

Inkunga zo Kugura Ibiribwa za DSHS zirimo:

- Basic Food.
- Imfashanyo yo Kugura Ibiribwa ku Bimukira Baciye mu Nzira Zemewe n'Amategeko (FAP).
- Washington Combined Application Project (WASHCAP).
- Transitional Food Assistance (TFA).

Izi porogaramu zifasha abantu binjiza amafaranga adahagije kugura ibiribwa bakoresheje amakarita akoreshwa mu guhaha imfashanyo (EBT).

**Gukoresha Inkunga Neza**

Wowe n'urugo rwawe mushobora gukoresha inkunga wemerewe mu kugura ibiribwa ahantu hemewe na USDA na Food and Nutrition Service (FNS).

Ushobora gukoresha inkunga wemerewe mu kugura:

- Imigati n'ibinyampeke
- Imbuto n'imboga
- Foromaje, amata n'ibiyekomoka.
- Inyama, amafi, inkoko n'amagi.
- Ibiryo hafi ya byose uretse ibitetse.
- Imbuto zo gutera zitanga umusaruro uribwa.

**Ikoreshwa Ritemewe n'Amategeko**

Ntibyemewe n'amategeko:

- Gukoresha inkunga yo Kugura Ibiribwa mu kindi kintu kitari ukugurira ibiribwa abagize urugo rwayemerewe.
- Kugurisha, kugerageza kugurishaikarita yawe ya EBT.
- Kugurana ibyo wemererwa, cyangwa ibiribwa waguze ku ikarita yawe ya EBT ikindi kintu icyo ari cyo cyose cy'agaciro (kumamisha).  
Ingero zo kumamisha binyuranyije n'amategeko zirimo kugurana inkunga yo kugura ibiryo ugahabwa amafaranga, ibiyobyabwenge, cyangwa intwari.
- Gutanga inkunga wemererwa ukayihira umuntu uwo ari we wese utari uwo mu rugo rwawe.
- Gukoresha inkunga yo kugura ibiribwa wemererwa ukagura ibindi bintu bitari ibiribwa. Ingero itabi, inzoga, divayi, ibikoresho byo mu rugo, isabune, impapuro, za vitamine, imiti cyangwa ibiryo by'amatungo yo mu rugo.
- Gukoresha inkunga yo kugura ibiribwa wemererwa mu kwishyura kuri za konti z'imyenda.



<b>Inkunga z'Amafaranga za DSHS TANF, Amafaranga Agenerwa Impunzi (Refugee Cash), ABD Cash, PWA, Inkunga y'Igihe Gito (Diversion)</b>	<b>Inkunga zo Kugura Ibiribwa za DSHS</b>
<p><input type="checkbox"/> <b>Ibihano ku Wakoresheje Inkunga Binyuranye n'Amategeko</b> Uramutse ukoresheje ikarita yawe ya EBT mu buryo bunyuranye n'amategeko cyangwa budakwiye, dushobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Gushyiraho umusimbura uzajya agucungira inkunga y'amafaranga.</li> <li>• Kugusaba gihamya cy'uko ukoresha inkunga y'amafaranga ugenerwa ku bana bakwanditseho.</li> <li>• Guhagarika inkunga y'amafaranga ugenerwa.</li> <li>• Kugukurikirana mu mategeko ndetse no mu nkiko mpanabyaha.</li> </ul> <p><input type="checkbox"/> <b>Amafaranga ya Serivisi yo Kubikuza ku Mashini Zitanga Amafaranga (ATM)</b> Iyo ukoresheje ikarita yawe ya EBT mu kubikuza amafaranga ku cyuma cya ATM:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Nyiricyuma cyangwa banki igikoresha bashobora kugukata amafaranga:</li> <li>• Minisiteri ntijya yishyura ayo mafaranga ya serivisi ucibwa ku kubikuza kuri ATM.</li> <li>• Ushobora gusubizwa amafaranga ahantu hamwe na hamwe utarinze gukatwa.</li> </ul>	<p><input type="checkbox"/> <b>Ibihano ku Wakoresheje Inkunga Binyuranye n'Amategeko</b> Uramutse ukoresheje nabi inkunga yo kugura ibiribwa ugenerwa ku bushake ushobora:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Gusabwa kwishyura ayo mafaranga wamamishije.</li> <li>• Kuvanwa ku rutonde inkunga wagnerwaga igahagarara: <ul style="list-style-type: none"> <li>○ Nibura mu gihe cy'umwaka.</li> <li>○ Bikaba byagera kuri burundu.</li> <li>○ Kuvanwa ku rutonde rw'abemerewe kabone n'aho wakwimukira mu yindi Leta.</li> </ul> </li> <li>• Gucibwa amande.</li> <li>• Kugukurikiranwa mu mategeko ndetse no mu nkiko mpanabyaha.</li> </ul> <p>DSHS ikorana na Leta n'ubuyobozi bw'ibanze, ubwa Leta yawe na Leta Zunze Ubumwe mu gukurikirana ibyaha byo kumamisha inkunga yo kugura ibiribwa.</p>
<p>Mu gushyira umukono wanjye kuri iyi nyandiko, ndemeza ko nasobanuriwe ibijyanye n'imikoreshereze ikwiye kandi yemewe n'amategeko y'inkunga ya DSHS y'amafaranga n'iyi kugura ibiribwa. Numvishe neza imikoreshereze ikwiye y'inkunga n'ibihano byo kuyikoresha binyuranyije n'amategeko. Nzi ko kudashyira umukono kuri iyi fishi nta nkurikizi byagira ku kwemererwa inkunga ya DSHS kwanjye. Umuntu wese kandi udashyira umukono kuri iyi fishi ntibimubuza kuba yahanwa mu rwego rwa porogaramu cyangwa rw'impanabyaha mu gihe yaba yakoresheje inkunga yemerewe mu buryo bunyuranye n'amategeko.</p> <p>Nsobanukiwe ko ikarita yanjye ya EBT igaragariza DSHS ibyo nakoze birimo n'aho nagiyeye nkoresha ikarita yanjye. Nsobanukiwe ko DSHS izakoresha aya makuru n'ubusabe bwo guhindura amakarita nakoze, mu gupereza ibijyanye n'imikoreshereze mibi y'inkunga y'amafaranga cyangwa iyo kugura ibiribwa.</p>	
UMUKONO W'USABA	ITARIKI

Yanze gusinya; Inyuguti zitangira amazina y'umukozi wa DSHS \_\_\_\_\_